Repubulika y'u Rwanda
**Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi**

# ITANGAZO

## INAMA Y'ABAMINISITIRI YEMEJE UMUSHINGA W'ITEGEKO RIGENGA UMUTUNGO KORANABUHANGA (VIRTUAL ASSETS) MU RWANDA

Inama y'Abaminisitiri yemeje umushinga w'itegeko rigenga Umutungo koranabuhanga (Virtual Assets) mu Rwanda. Iri tegeko rishya rigamije gushyiraho imikorere inoze igenga uru rwego rushya.

### Umutungo koranabuhanga (Virtual Assets) ni iki?

Umutungo koranabuhanga ni agaciro kagaragazwa mu buryo bw'ikoranabuhanga gashobora gucuruzwa cyangwa guhererekanywa, hifashishijwe uburyo bw' ikoranabuhanga, gashobora kandi gukoreshwa mu kwishyura no gushorwamo imari. Ntihakubiyemo amafaranga yemewe na Leta (nk'Amafaranga y'u Rwanda, Amadolari ya Amerika, Amayero n'andi).

### Kuki iri tegeko rishyizweho?

Umutungo koranabuhanga uri kwemerwa no gukoreshwa hirya no hino ku isi. Nubwo utanga amahirwe mu guhanga udushya no guteza imbere ubukungu, unajyana n'ingaruka zikomeye zirimo kuba wakwifashishwa mu iyezandonke no gutera inkunga ibikorwa binyuranyije n'amategeko.

Uyu mushinga w'itegeko ugamije kurinda urwego rw'imari mu Rwanda, ugenzura izi ngaruka ndetse unashyigikira iterambere ry'uru rwego. Uyu mushinga kandi ugendanye n'iyubahiriza ry'amahame mpuzamahanga yashyizweho n'Urwego Mpuzamahanga rushinzwe Kurwanya Ibyaha by'Imari (Financial Action Task Force - FATF).

### Ibi bisobanuye iki ku baturage?

Iri tegeko rigamije kurengera abaguzi n'abashoramari, rishimangira ubunyangamugayo ku isoko no kwimakaza imikorere iboneye. Ni ngombwa kumenya ko:

- **Iri atari ifaranga ryemewe n'amategeko:** Umutungo koranabuhanga si ifaranga ryemewe n'amategeko mu Rwanda.
- **Ntukoreshwa mu kwishyura mu buryo busanzwe:** Umutungo koranabuhanga ntushobora gukoreshwa nk'uburyo bwo kwishyura keretse byemejwe na Banki Nkuru y'u Rwanda.

### Ni nde uzagenzura uru rwego?

Nyuma y'uko iri tegeko ritangajwe mu Igazeti ya Leta, Urwego rushinzwe Isoko ry'Imari n'Imigabane (CMA) ku bufatanye na Banki Nkuru y'u Rwanda bazashyiraho amabwiriza mu buryo burambuye.

Ayo mabwiriza azagena uburyo umutungo koranabuhanga utangwa, abemerewe gutanga serivisi zijyanye nawo ndetse n'uko bazajya bahabwa impushya bakanagenzurwa.

**Umusozo**



@RwandaFinance